

REPUBULIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUTABERA

IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA AKABA N'INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO KURAHIRA KW'ABAGENZACYAHA

Karongi, 31 Mutarama 2020

Nyakubahwa Munyamabanga Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha;
Ba Nyakubahwa bayobozi mu nzego zitandukanye za RIB;
Abagenzacyaha n' abandi bakozi buganganira ubugenzacyaha tumaze kwakirira indahiro;

Ndabasuhuje.

Leta yashyizeho Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB) yifuza ko umwuga w'Ubugenzacyaha unozwa kandi ikorwa ry'amadosiye rikihutishwa kandi Uburenganzira bwa muntu bukubahirizwa.

Mbashimiye ko mwinjiye mu Bugenzacyaha. Ni umwuga mwiza ariko usaba ubwitange buhagije kuko arimwe mushinzwe gukumira ibyaha, kubitahura no gukora iperereza igihe byakozwe mugakora dosiye yujuje ibisabwa, mukuzuzanya n'izindi nzego kugira ngo hatangwe ubutabera bunoze, ibyo byose bikaba bigomba gukorwa mu bushishozi n'ubunyangamugayo, hirindwa kubogama kugira ngo ubutabera twifuza bugerweho neza.

Ni muri urwo rwego tubasaba gukomeza gukorana ubunyangamugayo mushyira mu bikorwa amasomo mwahawe n'ayo mukomeza guhabwa n'ubunyamwuga mugenda mwubaka, bityo umwuga twifuza ugashinga imizi.

Nagira ngo nkoresha uyu mwanya ngaruke ku byaha bimwe tugomba kurwanya twivuye inyuma.

Icyambere n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, gusambanya no gutera inda abana. Nk'igihugu turambiwe ibi byaha cyane cyane byibasira abagore n'abakobwa. Ibi byaha bigomba kurwanya mu ngo n'ahandi hose abantu baba. Kandi buri wese afite inshingano zo kubyamagana no gutanga amakuru abireba kugira ngo bikumirwe cyangwa bikurikiranwe.

Ariko nkamwe Bagenzacyaha, mu bushishozi n'ubwenge bwanyu, murasabwa namwe kugaragaza ko murambiwe n'ibi byaha mu gihe iperereza risanze ubiregwa yarabikoze. Amategeko arahari, ahasigaye ni kuyashyira mu bikorwa.

Turasabwa twese guhindura imyumvire ku ihohoterwa rikorerwa abagore, ku gusambanya abana nibwo bizacika burundu kandi twese nitubishyiramo ubushake n'imbaraga nta kabuza bizacika.

Mu gihe hakiri abatinyuka kubikora, umuntu yakeka ko bitacika nyamara Abagenzacyaha, Abashinjacyaha, Abacamanza, Inzego z'Ubuyobozi zitandukanye, ntibagiwe abaturage ubwabo, tugomba gukora ku buryo nta muntu yaba muto, yaba mukuru, yaba abifashijwemo n'umuryango ubitinyuka.

Ibi byose ariko birasaba gutanga amakuru haba ababikorewe n'ababonye aho bikorwa, bakirinda kubihishira kuko kubihisha ni ugutiza uhohotera ingufu ; kandi kubihishira ubwabyo byaviramo ubihishira gukurikiranwa.

Turwanye kandi twivuye inyuma abantu bacyumva ko bakunga uwahohotewe n'uwamuhohoteye ahanini bumva ko igisubizo kiri mu kubabanisha aho gutanga amakuru.

Ibindi n'ibyaha bikoreshejwe ikoranabuhanga, ruswa n'ibiyishamikiyeho, ndetse n'ibiyobwabwenge.

Ingamba zo kubirwanya tuzikomeze ariko natwe ubwacu twirinda gutiza umurindi abashaka kutunyuraho ngo bakore ibyo byaha, haba mu kubahishira, kurebera itangwa rya ruswa, gufasha abatunda iniyobyabwenge n'ubundi buryo ubwo aribwo bwose bwatuma ibyo byaha byorohera ababikora.

Murasabwa by'umwihariko muri uyu murimo wanyu kwirinda ruswa iyo ariyo yose n'ibindi byose byatuma mugaragaza isura mbi y'urwego mukorera, mukarangwa n'indangagaciro na kirazira tugenderaho nk'Abanyarwanda. Mu gukurikirana ibyaha nta marangamutima abamo kuko iyo agiyemo kubikurikirana birananirana.

Abagenzacyaha 38 n'Abakozi bunganira ubugenzacyaha 6 murahiye, ni umubare munini, twizeye ko muzatanga umusaruro uhagije mukaziba icyuho aho kigaragara mukanihutisha ikorwa ry'amadosiye n'akandi kazi kose kunganira ubugenzacyaha.

Turabashimira kuba mwarahisemo gukora uyu mwuga w'Ubugenzacyaha. Umwuga mwiza, uteye ishema kandi wubashywe, ariko usaba gukorana Ukuli muri byose, umurava, ubwitange, ubushishozi n'ubushake. Nkuko mumaze kubigaragaza mu ndahiro zanyu, murasabwa namwe kuwuhesha icyubahiro no kubahwa . Turizera neza ko muzabikurikiza.

Ubuyobozi bw'Igihugu cyacu nabwo bwiteguye gukomeza kubaba hafi kugira ngo imikorere y'Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha irusheho gukomeza kugenda neza; Mbifurije ishya n'ihirwe mu mirimo yanyu.

Mugire amahoro.